ISHAMI RY'UBUZIMA MURI CARITAS NYUNDO ZONE YA GISENYI RYASHISHIKARIJWE KWITA KU BYO BASHINZWE

Kuri uyu wa kabiri, taliki ya 25/02/2020, mu cyumba cy'inama cya Complexe des Services Diocésain Saint Aloys, ku nshuro ya mbere, Padiri wahawe ubutumwa bwo kuyobora Caritas ya Nyundo zone ya Gisenyi, hamwe n'umuhuzabikorwa w'ishami ry'ubuzima bagiranye inama n'abayobozi b'ibigonderabuzima biherereye muri iyo zone maze barebera hamwe uburyo imicungire y'imitungo (abakozi, imari, ibikoresho n'inyubako)byakomeza kunozwa bityo abagana ibyo bigo nabo bakarushaho kubona service nziza.

Ifoto/Inama

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, abari aho biyemeje gukomeza kunoza imicungire bibanda kumpanuro z'inzego zitandukanye bahabwa ku bijyanye no kunoza imicungire y'umutungo ndetse no gukomeza guhana amakuru arebana n'amategeko n'amabwiriza agezweho agenga imicungire y'imitungo mu rwego rwo gukumira no kwirinda ibihano byahato nahato no gukomeza kuba indashyikirwa mu gutanga service nziza muri zone ibyo bigo biherereyemo.

Inama yasojwe n'ubusabane ku bayitabiriye mu rwego rwo kwifuriza Padiri umuyobozi mushya ubutumwa bwiza muri Caritas, by'umwihariko mu ishami ry'ubuzima.

Ifoto/Urwibutso

UWAMAHORO Lucette